REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kayonza, kuwa 09/05/2018

No……180……../07.05.04

Kayonza District
Reception Mayor's Office
Date……10/5/2018.
Signature……………………

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA KAYONZA
P.O.BOX 03 RWAMAGANA
kayonzadistrictcouncil2018@gmail.com

Eastern Province
For reception
Date 10 MAY 2018
Signature……………………

**Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba**

**IMPAMVU**: Kubagezaho Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bwana Guverineri,**

Nejejwe no kubandikira ngirango mbagezeho Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yateranye tariki ya 06/05/2018.

Mugire amahoro.

**BALINDA Anastase**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

RECEPTION
MINALOC
Date: 10/5/2018

**BIMENYESHEJWE**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka **KAYONZA**

## IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAYONZA YO KUWA 06/05/2018

Ishingiye ku Itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;

Ishingiye kandi ku Iteka rya Minisitiri N° 002/07.01 ryo ku wa 02/07/2015 rigena amategeko Ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage;

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yateranye kuwa 06/05/2018 kuva saa yine za mu gitondo (10h00) ibera ku cyicaro cy'Akarere ka Kayonza mu cyumba kinini cy'inama, iyoborwa na Perezida w'Inama Njyanama Bwana **BALINDA Anastase**.

Inama Njyanama yitabiriwe n'Abajyanama b'Akarere makumyabiri kuri makumyabiri na batandatu (20/26) bagize Inama Njyanama y'Akarere, bahwanye na 76,9% by'ubwitabire.

✓ **Abandi bitabiriye inama**:

Umuyobozi Mukuru w'imirimo rusange mu Karere ka Kayonza (Corporate Services and Division Manager) uri mu mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere n'abakozi bo mu Ishami rya Finance.

✓ **Abajyanama batitabiriye inama n'impamvu**:

1. Bwana NTIRUSHWAMABOKO Athanase: nta mpamvu yatanze;
2. Bwana MUTANGANA Eugene: yagize impamvu z'akazi zo gutegura inama ya Transform Africa kandi yabimenyesheje mbere Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere amwemerera uruhushya;
3. Bwana KANAMUGIRE Wellars: yatanze impamvu z'akazi zumvikana ndetse yanandikiye Inama Nyanama ko asezeye mu mirimo y'Inama Njyanama kubera kwanga kubibangikanya n'akazi nk'uko BNR yabimusabye;
4. Madame MUKAMUSONERA Dativa: ari mu kiruhuko cy'umubyeyi;
5. Bwana GAKUMBA Geoffey: yagiye kwiga hanze y'igihugu;

6. Bwana ZIGIRA Alphonse: yatanze impamvu z'akazi zo gutegura inama ya Transform Africa kandi yemerewe uruhushya na Perezida w'Inama Njyanama.

Amaze gushimira no guha ikaze abitabiriye inama bose, Perezida w'Inama Njyanama yibukije Abajyanama ingingo ziri buganirweho zigafatwaho imyanzuro, ingingo zari ziteganijwe ku butumire bw'inama isanzwe y'Inama Njyanama zemezwa zose hiyongereyeho ingingo imwe yo kwiga ku busabe bwo kwegura k'Umujyanama KANAMUGIRE Wellars no kwemeza inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 24/02/2018.

❖ **INGINGO ZASHYIZWE KU MURONGO W'IBYIGWA:**

1. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 02/02/2018 n'idasanzwe yo kuwa 24/04/2018 no kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yazifatiwemo;
2. Kwemeza inyandiko y'Umugambi w'imyaka 7 w'Iterambere ry'Akarere ka Kayonza (Local Economic Development Strategy-LED);
3. Gusuzuma uko Imihigo y'Akarere n'Imihigo y'Urubyiruko ihagaze;
4. Gusuzuma raporo y'imikoreshereze y'Ingengo y'Imari y'Akarere /Igihembwe cya gatatu (3);
5. Gusuzuma raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'Inama z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ku micungire n'imikoreshereze y'ingengo y'imari;
6. Gusuzuma ikibazo cy'Umujyanama NTIRUSHWAMABOKO Athanase utakitabira inama z'Inama Njyanama n'iza Komisiyo;
7. Gusuzuma uko abakozi b'Akarere bakoroherezwa kujya gukorera mu Mirenge bitabaye ngombwa ko bakodesherezwa imodoka;
8. Gusuzuma ubusabe bwa CPR bwo kubaka ishuri mu Mujyi wa Kayonza bitabangamiye Igishushanyo Mbonera cy'uwo Mujyi;
9. Gusuzuma ubusabe bwa UNIK bwo gutizwa igishanga cyo gukoreramo imirimo y'ubuhinzi hakoreshejwe kuhira imyaka (irrigation) ku buso bwa 37ha;
10. Ibindi:
    - ✓ Gusuzuma no gufata umwanzuro ku busabe bw'Umujyanama KANAMUGIRE Wellars usaba kwemererwa guhagarika imirimo y'Inama Njyanama y'Akarere;

- ✓ Kurahiza Umujyanama mushya uhagarariye Private Sector Federation.

Abagize Inama Njyanama bunguranye ibitekerezo kuri buri ngingo, Inama Njyanama ifata imyanzuro ikurikira:

**INGINGO YA MBERE**

- ➢ **UMWANZURO WA MBERE**

Inama Njyanama yagejejweho inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 02/02/2018 n'iy'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 24/02/2018, nyuma yo kuzikorera ubugororangingo irazemeza.

- ➢ **UMWANZURO WA 2**

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama uko imyanzuro y'Inama Njyanama ziherutse zashyizwe mu bikorwa, abari mu nama banyurwa n'uko imyanzuro myinshi ku yafashwe yamaze gushyirwa mu bikorwa. Amazu y'Akarere ashaje ari muri centres z'ubucuruzi za Kabarondo na Rukara yakorewe igenagaciro, inyandiko ikazashyikirizwa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu y'Inama Njyanama y'Akarere kugirango iyikoreho ubusesenguzi, mu Nama Njyanama y'ubutaha izafatirwe umwanzuro, hemezwe agomba gusanwa n'akwiye gusenywa kuko ashaje bikabije.

Inyubako za Leta zisigaye zitarashyirwaho inzira yorohereza abafite ubumuga kugera aho basabira serivisi, Imirenge zikibonekamo yiyemeje kuzaba yashyizeho iyo nzira y'abafite ubumuga mu mpera y'ukwezi kwa 6/2018 ku buryo tuzasoza umwaka w'ingengo y'imari ya 2017/2018 ikibazo kitakigaragara.

**INGINGO YA 2**

- **UMWANZURO WA 3**

Nyuma yo kugezwaho na Vice Mayor w'Ubukungu ingingo zikubiye mu Gitabo k'Imbanzirizamushinga y'Umugambi w'imyaka 7 w'Iterambere ry'Akarere ka Kayonza (LED Strategy), uzatwara Miliyari mirongo cyenda n'enye, miliyoni magana inani mirongo itatu n'enye, ibihumbi magana cyenda mirongo cyenda na bitatu na magana inani mirongo itandatu n'ane (**94,834,993,864 Frw**), Abajyanama bayunguranyeho ibitekerezo banyurwa n'ibisobanuro bahawe, nabo bongeramo ibitekerezo, Imbanzirizamushinga y'Umugambi w'imyaka 7 w'Iterambere ry'Akarere ka Kayonza (LED Strategy) yemezwa ku bwumvikane busesuye n'Abajyanama bitabiriye inama, ariko bifuza ko ishyirwa mu bikorwa ndetse n'isuzumwa bya "LED Strategy" bikomeza gukorwa hakajya habaho kwigenzura nibura buri mwaka n'ubwo isuzuma riteganyijwe kuzaba nyuma y'imyaka itatu.

**INGINGO YA 3**

- **UMWANZURO WA 4**

- Bamaze kugezwaho n'Umuyobozi w'Akarere uko Imihigo y'Akarere ihagaze, Abajyanama bunguranye ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo, Inama Njyanama yifuza ko Imihigo y'Akarere itararangira kandi ibisabwa Akarere byaramaze gutangwa, yashyirwamo imbaraga nyinshi kugirango irangire mbere y'isuzuma ry'Imihigo rya nyuma.
- Inama Njyanama kandi yifuje ko inzira zigana aho imihigo iherereye zitegurwa neza, abaturage bakongera kwibutswa imihigo y'Akarere ikorerwa mu Mirenge batuyemo, ibyapa byerekana aho umuhigo uri bikaba bihari.
- Inama Njyanama yemeje ko muri uku kwezi kwa 5/2018, Abajyanama bazongera bagasura imirenge yose igize Akarere mu rwego rwo kureba aho imihigo ya 2017/2018 igeze ishyirwa mu bikorwa ndetse no kureba aho ishyirwa mu bikorwa mu gukuraho inzitizi za "Human Security" rigeze, isaba Komite Nyobozi gutegura "concept paper" izifashishwa muri icyo gikorwa byashoboka kigahuzwa n'amahugurwa yo kongerera ubumenyi abagize Inama Njyanama z'Utugari n'Imirenge.

- **UMWANZURO WA 5**

Bamaze kugezwaho n'Umuyobozi uhagarariye Inama y'Igihugu y'Urubyiruko mu Karere (NYC) aho Imihigo y'Urubyiruko igeze yeswa, Abajyanama banyuzwe n'intambwe itewe yo kujya habaho imenyekanisha ry'ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Urubyiruko muri buri nama isanzwe y'Inama Njyanama banyurwa n'ibisobanuro bahawe, Inama Njyanama yemeza ko:

- Umukozi ushinzwe uburezi ku Murenge mu nshingano ze hiyongeraho n'imirimo yo gukurikirana Imihigo y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko mu Murenge akoreramo no guhuza raporo z'Abahuzabikorwa ba NYC;
- Inama Njyanama yemeje ko Imihigo y'Urubyiruko izajya ikurikiranwa hakurikijwe inkingi buri muhigo ubarizwamo (Cluster), abakozi b'Akarere iyo mihigo iri mu byo bashinzwe bakabyitaho kandi buri Komisiyo isanzwe y'Inama Njyanama ikajya ibisuzuma mu nama zayo no mu ngendo ikora.
- Inama Njyanama yemeje ko ishami rifite mu nshingano abagize Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (NYC) mu Karere, abakozi bategura form izajya yifashishwa mu gutegura Imihigo y'Urubyiruko mu Karere naho mu mwaka w'ingengo y'imari ya 2018/2019 hakazitabwaho kureba uko hagenwa facilitations zafasha abagize Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (NYC) mu mirenge mu kuzuza inshingano zabo (communication na transport) kugira ngo Urubyiruko rurusheho kugira uruhare rugaragara mu buzima bw'Akarere.

- **UMWANZURO WA 6**

Inama Njyanama yasabye ko Vice Mayor w'Ubukungu akurikirana ikibazo kiri mu murenge wa Kabare cyo kugurisha ibitumbwe bya Kawa mu Karere ka Kirehe hakamenyekana vuba impamvu ibitera kuko bituma toni z'ibitumbwe Akarere kahigiye kuzacisha muri Coffee Washing Station zitagerwaho.

**INGINGO YA 4**

- **UMWANZURO WA 7**

Nyuma yo kugezwaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere w'agateganyo imikoreshereze y'ingengo y'imari, Abajyanama bagasanga iri ku gipimo cya 72%, bifuje ko ibyamaze kwishyurwa nabyo byagaragazwa n'aho

ibitarishyurwa bigakorwa vuba kuko nta mpamvu yo kwimukana amafaranga ku ngengo y'imari nshya kandi ibyo yagenewe bitarakozwe.

**INGINGO YA 5**

- **UMWANZURO WA 8**

N'ubwo ishyirwa mu bikorwa ry'inama (recommendations) za Auditor General bigaragara ko turi ku gipimo cyiza ugereranije no mu bihe byahise, Inama Njyanama yasabye ko hakomeza gushyirwa imbaraga ku nama (recommendations) zitarashyirwa mu bikorwa, naho ibisabwa Abajyanama, Komite Nyobozi ikihutira kubibagezaho kugirango dutange ubujyanama bwacu, bityo igipimo k'ishyirwa mu bikorwa ry'inama za Auditor General kikazava kuri "Except For" kikaba "Clean Audit Report" kandi birashoboka.

**INGINGO YA 6**

- **UMWANZURO WA 9**

Inama Njyanama yunguranye ibitekerezo ku kibazo cy'Umujyanama NTIRUSHWAMABOKO Athanase, Umujyanama Rusange w'Umurenge wa Kabare utakitabira inama z'Inama Njyanama n'iza Komisiyo abarizwamo, kuko amaze gusiba inama zirenga eshatu nta mpamvu kandi akaba yarasabwe ibisobanuro mu nyandiko ntabitange; ishingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 002/07.01 ryo kuwa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 15 n'iya 18, Inama Njyanama yafashe umwanzuro wo kumuvanaho icyizere, yemeza ko avanywe mu bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza.

**INGINGO YA 7**

- **UMWANZURO WA 10**

- Inama Njyanama yemeje inyandiko igaragaza amafaranga azajya ahabwa abakozi b'Akarere mu gihe bagiye gukorera mu Mirenge bitabaye ngombwa gukodesherezwa imodoka nk'uko byari byasabwe mu nama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 02/02/2018, mu mwanzuro wayo wa 9, bikanozwa na

Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu y'Inama Njyanama y'Akarere ifatanyije n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana uko ayo mafaranga angana:

| ZONES OF OPERATIONS & TRANSPORT COST | | | |
|---|---|---|---|
| **SECTORS** | **ZONE** | **TRANSPORT COST/FRW** | **REFRESHMENT COST** |
| **ZONE 1** | | | |
| NDEGO | Ndego | 15,000 | 0 |
| MURUNDI | Murundi | | |
| **ZONE 2** | | | |
| GAHINI | Kahi | 12,000 | 2,000 |
| GAHINI | Juru | | |
| MWILI | Kageyo | | |
| KABARE | Kabare | | |
| **ZONE 3** | | | |
| MURAMA | Murama | 10,000 | 2,000 |
| MWILI | Nyamugari | | |
| RWINKWAVU | Rwinkwavu | | |
| **ZONE 4** | | | |
| RUKARA | Rukara | 7,000 | 2,000 |
| KABARONDO | Kabarondo | | |
| RURAMIRA | Ruramira | | |
| NYAMIRAMA | Musumba | | |
| GAHINI | Gahini (Urugarama & Kiyenzi) | | |
| RURAMIRA | Bugambira | | |
| **ZONE 5** | | | |
| MUKARANGE | Rugendabali & Rutare | 5,000 | 2,000 |
| RURAMIRA | Ruramira (atari Bugambira) | | |
| GAHINI | Urugarama & Kiyenzi | | |
| NYAMIRAMA | Shyogo | | |
| MWILI | Mwili | | |
| **ZONE 6** | | | |
| NYAMIRAMA | Nyamirama itarimo Shyogo | 3,000 | 0 |
| **ZONE 7** | | | |
| MUKARANGE | Mukarange y'Umujyi | 2,000 | 0 |

**INGINGO YA 8**

- **UMWANZURO WA 11**

Inama Njyanama imaze kugezwaho n'Umuyobozi wayo ibisobanuro ku busabe bwa CPR bwo kubaka ishuri mu Mujyi wa Kayonza bitabangamiye Igishushanyo Mbonera cy'uwo Mujyi nk'uko Abajyanama bari babiganiriyeho mu nama y'Abaperezida y'Inama Njyanama, Abajyanama bemeje ko ubu busabe bushyikirizwa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu kugirango ibusuzume, maze buzagaruke mu nama itaha y'Inama Njyanama kugirango ifate umwanzuro.

**INGINGO YA 9**

- **UMWANZURO WA 12**

Abajyanama bagejejweho ibisobanuro ku busabe bwa UNIK bwo gutizwa igishanga cyo gukoreramo imirimo y'ubuhinzi hakoreshejwe kuhira imyaka (irrigation) ku buso bwa 37ha, Inama Njyanama yemeza ko ubu busabe bushyikirizwa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu kugirango busuzumwe, umwanzuro uzemezwe mu nama y'Inama Njyanama itaha.

**INGINGO YA 10**

- **UMWANZURO WA 13**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje ku bari mu nama ibikubiye mu ibaruwa yanditswe na Bwana **KANAMUGIRE Wellars,** yegura ku mirimo y'Inama Njyanama kubera impmvu z'akazi ke ka buri munsi nk'uko yari yasabwe na Banki Nkuru y'Igihugu (BNR) guhitamo kuba Manager wa SACCO cyangwa kureka kuba Umujyanama, agahitamo kureka kuba Umujyanama. Abajyanama bunguranye ibitekerezo, Inama Njyanama yemera ukwegura k'uwari Umujyanama Rusange w'Umurenge wa Rwinkwavu **KANAMUGIRE Wellars**.

Muri iyi nama isanzwe y'Inama Njyanama hanabaye umuhango wo kurahira kwa Bwana **RUGIGANA Jean Bosco**, Umujyanama uhagarariye Urugaga rw'Abikorera (PSF) mu Karere ka Kayonza.

Umuhango wayobowe na Bwana **NZAYIZERA Rodrigue** intumwa ya Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba. Indahiro ye yakiriwe na Bwana Perezida

w'Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma. Uyu Mujyanama asimbuye Bwana **SAFARI Steven** washoje ikivi cye.

Inama yasoje imirimo saa kumi (16h00), Perezida w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye bose, aha ikaze mu Nama Njyanama Bwana **RUGIGANA Jean Bosco** anamwifuriza kuzarangiza neza inshingano amaze kurahirira.

**MUSABYEMARIYA Thérèse**

**Umwanditsi w'Inama**

**BALINDA Anastase**

**Umuyobozi w'Inama**

## URUTONDE RW'ABAJYANAMA B'AKARERE KA KAYONZA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAYONZA YATERANYE TARIKI YA 06/05/2018

| N0 | AMAZINA | UMURENGE YATOREWEMO | UMURENGE ATUYEMO | ISAHA | GENDER | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | BALINDA Anastase | RURAMIRA | KIGALI | 9h00 | M | [signature] |
| 2 | BIDERI John Bonds | MUKARANGE | KIGALI | 9h00 | M | [signature] |
| 3 | GACINYA Faustin | MURAMA | KIGALI | 9h00 | ♂ | [signature] |
| 4 | GAKUMBA Geoffrey | RWINKWAVU | RWINKWAVU | | | |
| 5 | GAKUMBA Robert | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 9h00 | M | [signature] |
| 6 | HARERIMANA J Damascene | MWILI | MUKARANGE | 9h00 | M | [signature] |
| 7 | IRADUKUNDA Eugenie | MURUNDI | MURUNDI | 9h:00 | F | [signature] |
| 8 | KANAMUGIRE Pascal | RUKARA | RUKARA | 9h:00 | M | [signature] |
| 9 | KANAMUGIRE Wellars | RWINKWAVU | RWINKWAVU | | | |
| 10 | KAYITANA Fred | MURUNDI | KIGALI | 9h00 | ♂ | [signature] |
| 11 | MUKAKABANO Evelyne | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 9h00 | F | [signature] |
| 12 | MUKAMUSONERA Dative | MUKARANGE | MUKARANGE | | | |
| 13 | MUKAMUSONI Angelique | GAHINI | GAHINI | 9h00 | F | [signature] |
| 14 | MUKAMUYENZI Valentine | NYAMIRAMA | NYAMIRAMA | 9h00 | F | [signature] |
| 15 | MUKANDAYISABYE Magreth | NDEGO | KIGALI | 9h00 | F | [signature] |
| 16 | MUKARUSAGARA Beata | RUKARA | RUKARA | 9h00 | F | [signature] |
| 17 | MURENZI Jean Claude | GAHINI | MUKARANGE | 9h00 | M | [signature] |
| 18 | MUSABYEMARIYA Therese | RURAMIRA | KABARONDO | 9h00 | F | [signature] |
| 19 | MUSABYIMANA Anathalie | KABARONDO | MURAMA | 9h00 | F | [signature] |
| 20 | MUTANGANA Eugene | NDEGO | KIGALI | | | |
| 21 | MWISENEZA Jean Claude | NYAMIRAMA | NYAMIRAMA | 9h00 | M | [signature] |
| 22 | MWISENEZA Safina | KABARE | KABARE | 9h00 | F | [signature] |
| 23 | NTIRUSHWAMABOKO Athanase | KABARE | KABARE | | | |
| 24 | RUGIGANA Jean Bosco | KABARONDO | KABARONDO | 09h00 | M | [signature] |
| 25 | UWIBAMBE Consolee | KABARONDO | MUKARANGE | 9h00 | F | [signature] |
| 26 | ZIGIRA Alphonse | MURUNDI | KIGALI | | | |